

**AMASOMO Y'INGENZI KU BOROZI
BATO NDETSE N'ABATANGIZI
MU BWOROZI BW'INKOKO**

IGICE CYA MBERE: KUNOZA UBWOROZI

Rwanda, 2021


IBIRIMO

1. INTEGO	3
2. AKAMARO KO KORORA INKOKO	3
3. UBURYO BWO KORORA INKOKO	4
4. UBWOKO BW'INKOKO	7
5. GUHITAMO ICYORORO	10
6. INYUBAKO Z'INKOKO	11
6. KUGABURIRA INKOKO	15
8. INDWARA Z'INKOKO NO KUZIVURA	20
9. INGAMBA Z'UBWIRINZI	27
10. KOROROKA KW'INKOKO	28
11. KUBARA IGISHORO CY'UBWOROZI BW'INKOKO	30
12. KUZUZA INYANDIKO Z'UBWOROZI	31
13. INGERO Z'AMWE MU MAFISHI Y'UMWOROZI	32
14. UMUSOZO	34
15. INYANDIKO ZIFASHISHIJE	34

Yateguwe na:

RCVD-ROW/LAND O'LAKES VENTURE 37



<p>Kororera mu kiraro no hanze</p>	<p>Ubu ni uburyo bwo korora aho inkoko ziba zifite aho zirirwa hateganyijwe kugirango ziharire ndetse zinahanywerekere noneho bwakwirira zikajya mu nzu yabugenewe. Ubucucike bw'inkoko muri ubu buryo bukomatanyijwe ni inkoko zikuze 750 kuri hegitari.</p>	<p>Ibyiza :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Inkoko zirya ibiryo bike ugereranyije n'iziba mu kiraro igihe cyose kuko ziba zamaze umwanya munini zitora; 2. Iyo hari icyorezo cyaje ntizifatwa ari nyinshi icyarimwe kuko ziba zitegeranye cyane 3. Inkoko zibasha kwisanzura kurusha izororewe mu kiraro <p>Ibibi byo kororera mu kiraro no hanze</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Gushora amafaranga menshi mu kubaka uruzitiro; 2. Kugira igihombo gikabije bitewe no kuba zakomereka cyangwa zigapfa bitewe n'izindi nyamaswa zinjijye mu ruzitiro. 	
------------------------------------	---	--	---

<p>Kororera mu kiraro bihoraho</p>	<p>niuburyo bukore-shwa n'aborozi boroye kijyambere bagamije kongera umusaruro.</p> <p>Ibi bishobora gukorerwa mu kiraro cyubatse neza, mu tuzu tw'inkoko twabugenewe (Cage) cg mu nzu nini yinsanzuye ariko afite ibikenewe byose mu bworozi bw'inkoko.</p>	<p>Ibyiza byo kororera mu kiraro</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Bisaba ubutaka buto bwubatseho ikiraro; 2. Gukurikirana inkoko mu buryo bworoshye ari ukuzigaburira kuziha amazi no kumenya izirwaye hakiri kare zikavurwa; 3. Gutanga umusaruro mwinshi kuko inkoko zidakoresha imbaraga nyinshi zishakisha ibyo ziryaga; 4. Gukurikirana ubworozi, imirire, ubuvuzi no kuzibaga bikorwa mu buryo bworoshye <p>Ibibi byo kororera mu kiraro</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Iyo hagize indwara cyangwa icyorezo cyiza muri ubu buryo hafatwa inkoko nyinshi mu gihe gito; 2. Bisaba ubushobozi bwo kubasha kuzigurira ibiryo igihe cyose zicyorowe; 3. Bigabanya ubwisanzure karemano y'inkoko yo kurira ku bintu, gukubita amababa no kuraha 	
------------------------------------	--	--	---



4. UBWOKO BW'INKOKO

Ubwoko bw'ingenzi bw'inkoko ni: inkoko zitanga inyama, izitera amagi ndetse n'imberabyombi (ni ukuvuga izitera amagi ariko zigatanga n'inyama). Izi zaje zisanga inkoko gakondo (indigenous chickens). Mu guhitamo icyororo rero ugomba kubanza kumenya ibiranga buri bwoko ndetse ukanagenda ku ntego ufite mu bworozi bwawe.

4.1. Inkoko gakondo

Ni inkoko zikunze kuba ntoya, zitanga umusaruro utari mwinshi kandi zigira ubudahangarwa ku burwayi buri hejuru.



Ifoto ya 3: Inkoko gakondo



4.2. Inkoko z'imberabyombi

Ni ubwoko bushobora gutanga inyama ndetse n'amagi. Mu inkoko z'imberabyombi ziboneka mu Rwanda higanjemo izitwa **Saso na Koroyira**.



Ifoto ya 4: Inkoko za Saso



Ifoto ya 5: Inkoko zo mu bwoko bwa Koroyira



4.4. Inkoko z'inyama

Izi nkoko zirangwa no gukura vuba zikaba zishobora gutanga umusaruro w'inyama vuba iyo zagaburiwe neza. Muri rusange inkoko z'inyama zibagwa hagati y'ibyumweru 6 na 8 zikaba zishobora kugeza ku biro hagati ya 2 na 3. Ubu ni bwo buryo bwiza bwo korora inkoko z'inyama kugirango zidahombya uzoroye. Bitewe n'ibyifuzo by'abaguzi ariko zishobora kubagwa zitarageza ibi biro cyangwa zarabirengeje. Ubwoko bw'inkoko z'inyama bwiganje mu Rwanda ni: **Hubbard na Cobb 500**

Ifoto ya 7: Inkoko z'inyama ziboneka cyane mu Rwanda

Hubbard



Cobb





5. GUHITAMO ICYORORO

Mu guhitamo inkoko zo korora wakwibanda kuri ibi bikurikira:

INKOKO Z'AMAGI	INKOKO Z'INYAMA
Ubwinshi bw'amagi zizatera	Umusaruro uhagije w'inyama
Uko irya (Amagi itera bitewe n'ibiro yariye)	Uburemere mu mikurire yazo
Umusaruro uhoraho	Igihe gito yororwamo
Ubudahangarwa ku ndwara	Uko zirya
Ibara ryazo	Imiterere yazo
Kuboneka kw'imishwi	Kuboneka kw'imishwi

Imbonerahamwe ya 1: Ibishingirwaho muguhitamo inkoko zo korora

6. INYUBAKO Z'INKOKO



- **Ibice by'ingenzi bigize ikiraro:**

Ikiraro cy'inkoko kiba kigizwe n'aho inkoko ziba, ahabikwa ibikoresho, imiti ndetse n'ibiro cyangwa ahabikwa inyandiko zijyanye n'ubworozi.

- **Ibipimo bikurikizwa mukubaka ikiraro cy'inkoko**

Imishwi y'inkoko

Yororerwa ahantu hari ubushyuhe bwa dogere serisiyusi 30-35. Ubucucike bw'imishwi ni **20 kuri metero kare (m2)** imwe ku mishwi iri mu kigero cy'umunsi 1 kugeza kuri 30.

Inkoko z'ibigwano

Zororerwa ahantu hari ubushyuhe bwa dogere serisiyusi 20- 25, naho ubucucike bwazo ni inkoko **10 ziri mu kigero cy'ukwezi kugera ku mezi 5 kuri m2 imwe.**

Ikiraro cy'inkoko zikuze

Cyororerwamo inkoko zifite ibyumweru birenga 18, akenshi kugera ku byumweru 72 zivutse, cyangwa ibyumweru 6 ku nkoko zitanga inyama;

Urugero: Inkoko nkuru 1000, zigomba kuba byibura mu kiraro gifite ibipimo bikurikira:

Metero 20 z'uburebure na metero 10 z'ubugari;

Kuva kuri fondasiyo hari ubuhagarike bwa metero 1-1.5 kugera aho amadirishya atangirira ku girango habonekemo umwuka uhagije;

Amadirishya agomba kugira byibura metero 10 z'ubugari kandi agashyirwaho senyenge;

Inzu yose igomba kuba ifite byibura ubuhagarike bungana na metero 2-2.5 uvuye kuri fondasiyo;



Urugi rw'ikiraro rugomba byibura kuba rufite metero imwe y'ubugari kandi igashyirwaho kuburyo rufunguka rugana hanze, kugirango hirindwe impanuka yaterwa no kuba hasunikwa inkoko uri gufungura;

Inkuta z'ikiraro zigomba kuba zisennye neza na sima kugirango byoroshye amasuku hanirindwa ko hari udukoko twakwihisha mu myobo yaba iri ku nkuta;

Urubaraza ruzengurutse ikiraro rugomba kuba byibura rufite sentimetero 50 kandi rwubatse neza kandi rukoresheje isima kugirango gukora isuku byorohe;

Igisenge kigomba gusakarwa ku buryo habasha kwinjira urumuri ruhagije mu kiraro.

Inkoko zishobora kuba mu nyubako zitan dukanye bitewe n'icyiciro, amikoro cyangwa se intego y'ugiye kuyubaka.

Amoko y'ingenzi y'ibiraro by'inkoko ni: ikiraro gifitemo utwumba duto bita kaje (cages) n'ikiraro gisanzwe.



Ifoto ya 8: Inyubako z'utuzu (cage)





Ifoto ya 9: Inyubako isanzwe (hangar)

Ibikenerwa mu kiraro cy'inkoko

Kugirango mu kiraro cy'inkoko habe hameze neza hakenerwamo isaso, urumuri ruhagije ndetse n'amazi yo kunywa ahoraho.

Isaso: Isaso ikoreshwa mu kiraro cy'inkoko igomba kuba:

- Yumutse, ari barizo, bicericeri cyangwa ikomoka ku bishishwa bya kawa byumutse neza
- Isaso igomba kuba itarimo ibyakomeretsa inkoko nk'ibyuma cyangwa ibindi byakwangiza inkoko;
- igomba kuba ifite ubushobozi bwo kumira amazi (water absorption) cyangwa kumuka vuba.
- Iyo isaso yatose ni byiza kuyihindura hagashyiramo indi nziiza kandi yumutse. Hashyirwamo isaso byibura ifite peseri ingana na santimetero hagati ya 2 na 3.

Urumuri: Urumuri mu kiraro cy'inkoko ni bimwe mu bintu by'ingenzi bitagomba kubura kugirango inkoko zibashe gukoresha neza ibyo zariye. Urumuri rufasha inkoko zitera kongera umusaruro.



Ifoto ya 10: Urumuri mu kiraro cy'inkoko

Urumuri rw'inkoko ruhinduka bitewe n'ikigero inkoko igezemo. Imbonerahamwe ikurikira irereka-
na amasaha yo gucana inkoko bitewe n'ikigero zigezemo:

Ikigero cy'inkoko	Amasaha yo gucana
Umunsi 1	24/24
Icyumweru 1-2	23/24
Icyumweru cya 3	20/24
Hejuru y'ibyumweru 3	16/24

Imbonerahamwe ya 2: Urumuri rukenerwa mu kiraro cy'inkoko

Ikiraro kigomba kugira kandi ahabikwa ibikoresho byo mu bworozi, ibiryo n'umusaruro ndetse n'ibiro bibikwamo amadosiye ajyanye n'ubworozi.

- ✓ Umuti wo gukandagiramo:

Mu rwego rwo gukaza ingamba z'ubwirinzi, imbere y'ikiraro cy'inkoko hagomba kuba ahantu habugenewe harimo amazi avanze n'umuti wica udukoko duto (microbe) yo gukandagiramo.

7. KUGABURIRA INKOKO

Inkoko zigaburirwa ibiryo bitandukanye bitewe n'ikigero zigezemo (imishwi, ibigwano, inkoko nkuru) ndetse n'intego y'umworozi (inkoko zitanga inyama cyangwa amagi).

Muri rusange ariko inkoko zose zikenere indyo yuzuye igizwe n'ibitera imbaraga, ibyubaka umubiri ndetse n'ibizifasha kwirinda no guhangana n'indwara.

Inkoko zigaburirwa kabiri ku munsu: Mu gitondo kare (nka sa moya) no ku gicamunsi (nka sa munani). Iyo ushaka ko zikomeza kurya no mu ijoro uzihira urumuri /amatara kuko inkoko ntizikunda kurya mu mwijima.

Ibiribwa bikurikira byifashishwa mu gutegura indyo yuzuye y'inkoko

IBITERA IMBARAGA	IBYUBAKA UMUBIRI	IBIRINDA INDWARA
Ibigori	Soya	Amagufwa
Umuceri	Indagara	Ishwagara
ingano	Ibisigazwa by'ipamba Ibihwagari	Kokiye
Melase	Proteyine mvaruganda (concentre)	Premix

Imbonerahamwe ya 3: Aho ibiryo by'inkoko bikomoka

7.1. Ibyiciro by'ibiryo by'inkoko

Mu kugaburira inkoko hitabwa cyane ku byiciro zigezemo. Ibyiciro by'ingenzi ni:

- **Ibiryo by'imishwi (starter):** Iki cyiciro cy'ibiryo bigaburirwa imishwi ifite kuva ku munsu umwe kugera nibura ku byumweru umunani bitewe na buri bwoko bw'inkoko. Ibi biryo bigomba kuba bikungahaye kuri poroteyine ;
- **Ibiryo by'inkoko z'ibigwano (grower)** Ubwoko bw'ibiryo by'inkoko kuri iki cyiciro bubonekamo poroteyine ku kigero kiri hagati ya 16-18%. Ibyo biryo bibonekamo kalisiyumu nkeya ugereranije n'ikigero cy'inkoko zikurikiyeho. icyi cyiciro kirangira igihe zitangiye gutera ;
- **Ibiryo by'inkoko zikuze:** Ibi biryo bibonekamo ikigero cya poroteyine kingana n'icyo mu bigwano kiri ku rugero rwa 16-18% ariko nanone bikaba bifite ikigero cya kalisiyumu kiri hejuru ituma igishishwa cy'igi gikomera kikanasa neza. Bene ibi biryo bigaburirwa inkoko zujuje byibuze ibyumweru 20 zivutse (zigeze igihe cyo gutera amagi).



7.2. Uburyo bwo kugaburira inkoko z'amagi

Imbonerahamwe ikurikira iratwerekana uburyo n'ibipimo byo kugaburira inkoko z'amagi kuva ku cyumweru cya mbere kugera zitangiye gutera amagi.

Igihe imaze (ibyumweru)	Igipimo cy'ibiryo (muri garama)	Amazi (ml)	Uburemere bwayo(g)
1	10	20-30	50
2	20	40-50	100
3	25	50-60	150
4	30	60-70	200
5	35	70-80	300
6	40	80-100	400
7	45	100-120	500
8	50	120-130	650
9	55	130-140	800
10	60	150-160	900
11	60	160-165	1000
12	65	165-170	1100
13	65	170-175	1200
14	70	175-180	1300
15	70	180-190	1400
16	75	190-195	1500
17	80	195-200	1600
18	85	205-210	1700
19	90	210-220	1750
20	95	220-230	1800
Inkoko zitera	120-130	240-260	2000

Imbonerahamwe ya 4: Ibipimo by'ibiryo ku nkoko z'amagi

7.3 Imvange y'ibiryo by'inkoko zitera amagi

Mu rwego rwo kongera umusaruro w'amagi, inkoko zitera amagi zikenera indyo iteye ku buryo bukurikira:

IBYIFASHISHWA	URUGERO KU MVANGE Y'IBIRO 100
Ibiheri by'ibigori	61.5
Ibiheri bya soya (cg ubunyobwa)	21.5
Ifu y'amagufa	5
Ibikatsi (tourtaux) bya Soya cg ibihwagari (Tourne sol)	3
Ishwagara	8
umunyu	0.2
Dicalcium phosphate	0.3
Premix (vitamins-minerals)	0.3

Imbonerahamwe ya 5: Uko bavanga ibiryo by'inkoko zitera amagi

7.4 Imvange y'ibiryo by'inkoko z'inyama

Ibivangwa	Ibiryo bigaburirwa Imishwi (0-5 ibyumweru)%	Izigeze igihe cyo kubagwa (6-8 ibyumweru)%
Ibigori	45-50	45-55
Rice Police	5-10	10-20
Indagara	10-15	10-15
Groundnut Cake	25-30	16-20
Amagufa	0.7-0,75	0.6-0.7
Umunyu	0.4-0.5	0.4-0.5
Vitamine & imyunyungugu	0,1-0,2	0.1-0.2

Imbonerahamwe ya 5: Uko bavanga ibiryo by'inkoko z'inyama



Imbonerahamwe ikurikira iratwerekako uko wagaburira inkoko z'inyama kuva ku cyumweru cya mbere kugera zigeze igihe cyo kubagwa

Igihe imaze (ibyumweru)	Ingano y'ibiryo (g)	Amazi (ml)	Ibiro iba ifite
1	20	40-50	130-150
2	30	60-80	260-300
3	50	100-120	460-520
4	70	140-160	750-800
5	90	180-200	1000-1200
6	105	210-230	1300-1500
7	115	230-280	1600-1800
8	120	240-300	1900-2100
9	125	250-320	2100-2300
10	130	260-350	2200-2400

Imbonerahamwe ya 6: Ibipimo by' ibiryo by'inkoko z'inyama

Ahagurishirizwa ibiryo by'inkoko haba hagaragara ibiryo n'ikigero cy'inkoko byagenewe.

Ingero z'ubwoko bw'ibiryo bigaragara ku isoko



Ifoto ya 11: Ubwoko bw'ibiryo by'inkoko

7.5 Ibikoresho by'ingenzi byifashishwa mukugaburira inkoko

Mukugaburira inkoko no kuziha amazi hifashishwa ibikoresho byabugenewe uburiro n'ubunywero bu-
gurwa ku bacuruzi b'ibiryo by'amatungo cyangwa se umworozi woroheje akaba yakwifashisha uduko-
resho tworoheje kandi tudahenze yanikorera mu mbaho cg ibindi bintu bifukuye.



Ifoto ya 12: Uburiro butandukanye bw'inkoko



Ifoto ya 13: Ubunywero bw'inkoko



8. INDWARA Z'INKOKO NO KUZIVURA

Indwara z'ingenzi z'inkoko ni : Umusinziro, indwara ya Gumboro, kokisidiyoze, muryamo y'inkoko, inzo-ka, kuryana no kurya amagi, uburoro n'ibindi byuririzi byo ku ruhu.

UMUSINZIRO (Salmonellosis)

Inkoko irwaye umusinziro irangwa no guhitwa ibisa n'umweru, inkoko kandi usanga zisinzira, zigungze kandi zitarya. Indwara y'umusinziro uterwa n'utunyabuzima duto bita salumonela (Salmonela) bukaba bushobora gukwirakwizwa n'imyanda y'abantu cyangwa amatungo.

Uko uvurwa: Kuvura umusinziro ni ugukoresha imiti yabugenewe nk'iyi mu bwoko bwa sili-famide (Sulfamides). Bashobora gutanga garama 2 za silfametazine (Sulfamethazine) muri litiro y'amazi. Ibyo bikorwa mu gihe cy'iminsi itatu ikurikiranye. Bashobora kandi gukoresha sitereputomisine (streptomycine), tifomisine (Thyphomycine), orewomisine (Aureomycine) na penisiline (Penicilline) mu mazi cyangwa bakoresheje kayitera mu rushinge.



Ifoto ya 13: Inkoko irwaye umusinziro

INDWARA YA GUMBORO

Indwara ya Gumburo iterwa na virus ni nayo mpamvu nta muti uyivura ubaho uretse gukingira inkoko zikiri imishwi.

Uko ivurwa: Indwara ya Gumburo bayirinda bakingira inshuro imishwi y'inkoko (ku muni wa 14, 21 na 28). Hanyuma ukanagirira isuku aho inkoko ziba ndetse ukanarinda ko abantu bavogera ubworozi.



Ifoto ya 14: Inkoko zirwaye indwara ya Gumburo



KOKISIDIYOZE (COCCIDIOSIS)

Kokisidiyoze ni indwara iterwa n'udukoko duto bita kokusidi (Coccidies). Utwo dukoko tumunga amara y'inkoko. Iyo ndwara ikunda cyane gufata inkoko nto. Kokisidiyoze irangwa no guhitwa ndetse kenshi inkoko zigahitwa amaraso.



Ifoto ya 15: Inkoko zirwaye kokisidiyoze



MURYAMO Y'INKOKO (Newcastle disease)

Ni indwara iterwa na virus yitwa “Newcastle” mu rurimi rw’icyongereza. Iyo igeze mu bworozi yica inkoko hafi ya zose ku buryo irenza 90% y’inkoko yagezemo. Ibimenyetso biranga iyo ndwara ni nk’ibyizindi ndwara z’ibyorezo. Ni ukuvuga guhitwa cyane, gukonja no gusinzira, no kuba inkoko zipfa ari nyinshi cyane kugeza ndetse zishize.

Uko yirindwa: Muryamo y’inkoko irakin-girwa, ariko kuyirinda mu buryo bwiza ni ukutareka ngo abantu bapfe kwinjira mu bworozi. Ni ngombwa kandi kugira isuku muri byose.



Ifoto ya 16: Inkoko zirwaye muryamo (Newcastle disease)

INZOKA

Inzoka zikunda kuboneka mu bworozi bw’inkoko iyo butagirirwa isuku. Inzoka z’inkoko zifata mu mara cyangwa mu myanya y’ubuhumekero zigatuma inkoko zinanuka, zigahitwa ndetse zikaba zanapfa.

Uko zivurwa: Birinda inzoka batanga imiti yo kuzirwanya. Iyo miti bayishyira mu biryo cyangwa mu mazi. Iyo miti ni nka tetaramizole (**tetramisole**), pipezarine (**pipezarine**) n’indi.



Ifoto ya 17: Inkoko irwaye inzoka



Ifoto ya 19: Inkoko ikase n'idakase umunwa

UBURORO N'IZINDI NDIRIRIZI ZO KU RUHU

Uburoro, inda, imbaragasa, uburondwe n'ibindi bishobora kuboneka mu biraro by'inkoko bifite isuku nke. Kubyirinda ni ukubanza gutera imiti yica udukoko mu biraro mbere yo gushyiramo inkoko. Ni ngombwa kandi no kugira isuku iteka no gukingira inkoko.



Ifoto 20: Inkoko irwaye uburoro

Inkoko ifite ubuzima bwiza irangwa n'ibi bikurikira:

- Inkoko ifite amababa yegereye ku mubiri, amaso adahondobera, ibasha kugenda neza, ikirokoroko cyayo gitukuye kandi kitariho udusebe inahumeka neza;
- Inkoko igenda neza, ikaba yanakwihuta igenda, ikaba yanahagarara ikanishimashi-
- Inkoko ishaka kurya/gutora, ikananywa amazi ku buryo buhoraho.

Inkoko irwaye cg ifite ibibazo by'ubuzima irangwa n'ibi bikurikira :

- Inkoko irwaye ntibasha kurya cyangwa kunywa amazi, iba yigunze, irahagira, ipfuka amababa, irangwa no kwitsamura, gukorora, igira ibimyira mu mazuru, igira amarira mu maso, amatotoro yayo aba ari amazi cyangwa arimo amaraso n'ibindi.);
- Inkoko igaragaza ko ifite umunaniro rimwe na rimwe igasa n'aho yapfuye;
- Inkoko ihumbyaguza amaso ku buryo budasanzwe ita amarira, ikicara/kubunda hasi, igashaka guhisha umutwe izinga ijosi
- Inkoko ihitwa cg ugasanga ku murizo hari umwanda
- Inkoko ihumeka cyane ikanyuzamo igasa naho yitsamura
- Inkoko ifite amababa n' ibirokoroko by-ijimye
- Inkoko yagagaye, isanaho yajunjamye.

GAHUNDA YO GUKINGIRA INKOKO Z'AMAGI

ITARIKI YO GUKINGIRA	IGIHE IMAZE(iminsi)	URUKINGO	IGIIMO CY'UMUTI N'URUKINGO
	1	New castle	New Castle HB 1 : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20z'amazi meza
	1 kugeza kuri 3	Vitamine (Anti-stress)	AMINOVIT: garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	4-6	Contrôle coccidiose	VETACOX : garama 1 bayivanga na litiro 1 z'amazi meza
	7	Gumboro	Cevac Gumbo L : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.
	21	Gumboro	Cevac Gumbo L : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20z'amazi meza.
	22-23	Contrôle coccidiose	AMPROLIUM : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	24	Bronchite infectieuse	BI H52 : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.
	28	Newcastle	Newcastle La sota : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20z'amazi meza
	42-45	Contrôle coccidiose	Amprolium : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	56	Bronchite infectieuse	BI H52 : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.
	70	Variole aviaire	Cevac FPL: BAtera mu ibaba n'agashinge kabigenewe
	85	Contrôle coccidiose	Amprolium : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	126	Newcastle	Newcastle La sota : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20z'amazi meza
	Zigeze igihecyo gutera	Anti-stress vermifugation	Aminovit Levalap

Imbonerahamwe ya 7: Gahunda y'inkingo z'inkoko z'amagi

GAHUNDA YO GUKINGIRA INKOKO Z'INYAMA

Italiki yo gukingira	Igihe imaze (iminsi)	Urukingo	Igipimo cy'umuti n'urukingo
	1	New castle	New Castle HB 1 : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20z'amazi meza
	1 kugeza kuri 4	Vitamine (Anti-stress)	AMINOVIT: garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	5-7	Contrôle coccidiose	VETACOX : garama 1 bayivanga na litiro 2 z'amazi meza
	7	GUMBORO	Cevac Gumbo L : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20z'amazi meza.
	14	Newcastle	Newcastle La sota : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20z'amazi meza
	17-19	Contrôle coccidiose	Amprolium : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	21	GUMBORO	Cevac Gumbo L : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.

Imbonerahamwe ya 8: Gahunda y'inkingo z'inkoko z'inyama

9. INGAMBA Z'UBWIRINZI

Mu gukaza ingamba z'ubwirinzi ibice bitatu by'ingenzi bigomba kwitabwaho: uburinzi rusange (physical security), kubahiriza ingamba wafashe muri byose (personal reliability), gukurikirana amakuru (information security).

Akamaro k'ingamba z'ubwirinzi ni : bufasha mukurinda indwara, bigabanya ibihombo/impamuka, birinda ikwirakazwa ry'indwara, bituma ubuzoma bw'itungo buba bwiza muri rusange, bigabanya impfu z'amatungo, byongerera inyungu muri rusange.

Mugukaza ingamba z'ubwirinzi mu bworozi bw'inkoko ugomba kwita kuri ibi bikurikira: Kumenya uwinjiye mu kiraro cy'inkoko, ibyo yahazanye ni ibiki, yahageze ryari, aho yarari, yahaje gukora iki? Ibi byose ariko umworozi agomba kubikora azirikana ko ari we wambere wo kwirinda kugira uruhare mu gukwirakwiza uburwayi.



Ifoto ya 21: Ingamba zo kurinda ubworozi bw'inkoko

10. KOROROKA KW'INKOKO

Inkoko zororoka ari uko zarariye amagi abanguriye. Kugirango umworozi abashe kubona umusaruro mwiza w'imishwi agomba kwita ku nkoko n'amagi azaraririza. Amagi ashobora kurarirwa n'inkoko cyangwa agashyirwa mu mashini yabugeneye (Couveuse).



Ifoto ya 22: Inkoko n'imashini birarira

Kimwe n'andi matungo yose rero inkokokazi izararira amagi igomba kuba yitaweho neza kandi ari ubwoko bwatoranyijwe kugirango izatange icyororo cyiza.

10.1. Ibigenderwaho mu guhitamo ubwoko bw'inkoko muri rusange

- ✓ Ubwoko bufite isoko
- ✓ Ubushobozi bw'umworozi
- ✓ Imiterere y'aho ubworozi bugiye gukorerwa

Uretse guhitamo ubwoko bwo korora muri rusange, umworozi agomba no kureba mu nkoko/ amatungo izifite ibyangombwa byo gutanga icyororo.

10.2. Ibyagendeweho mu guhitamo isake nziza

Mu guhitamo isake nziza hitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kuba yatanga umusaruro ushimishije w'in-yama
- Kuba ifite ibiro runaka ku myaka runaka (ukurikije ibipimo byemewe)
- Kureba iminsi yamara kugirango ibe yagurishwa (igikuriro)
- Uko ibyaza umusaruro ibyo yariye
- Igihagararo cyayo
- Ikigero cy'ibinure ifite

Isake nziza irangwa ni ibintu bitatu by'ingenzi :

- Igihagararo (Stature)
- Igira amakenga (attentiveness)
- Imyitwarire/uko yitwara (attitude).



Ifoto ya 22: Isake yavamo icyororo

10.3. Ibyagenderwaho by'ingenzi mu guhitamo inkokokazi

Mu gutoranya inkokokazi yatanga umusaruro hibandwa kuri ibi bikurikira:

- Uburumbuke
- Imituragire y'amagi
- Igihe cyo kubangurirwa bwambere
- Ikigereranyo cy'umusaruro w' amagi
- Igikuriro

Inkokokazi isanzwe cyangwa y'in yarwanda yagombye gutera amagi hagati ya 25 na 100 ku mwaka mu gihe inkokokazi ya kijyambere yagombye gutanga amagi hagati ya 180 na 300 mu mwaka.

Inkokokazi ituraga igi nyuma y'iminsi 21 ikaba ishobora gutangira gutera igize amezi ane kugeza kuri atandatu. Inkokokazi nziza igomba kuba ifite umubiri woroshye kandi udafite ibinure.



11. KUBARA IGISHORO CY'UBWOROZI BW'INKOKO (INKOKO 1000)

Mu rwego rwo gufasha abaveterineri n'aborozi bato imbonerahamwe ikurikira irerekana uko yabara amafaranga azashorwa mu bworozi bw'inkoko ndetse inyungu yakuramo.

Igikorwa	Ingano	Agaciro ka kimwe	Agaciro ka byose (Frw)
Kugura ubutaka bwo korore-raho	1	3 058 000	3 058 000
Kubaka ikiraro	1	FF	4 410 000
Ibikoreho byo mu kiraro			1 256 250
Kugura imishwi	1000	1 450	1 450 000
Ubwishingizi bw'imishwi		(40% y'agaciro k'imishwi kuri nkunganire)	580 000
Inkingo z'imishwi 1000 (urukingo rwa Mareck)	1000	1200	1 200 000
Amafanga y'ibiryo (kuva ku mushwi w'umunsi 1 kugeza kugeza ku byumweru 24)	1000	FF	5 598 900
Amafanga y'ubuvuzi bw'inkoko	1	FF	533 360
Imishahara y'abakozi	1	Abakozi 4	7 440 000
Amafanga atandukanye y'ubwikorezi	1	FF	695 300
Igiteranyo			26,221,810 (A)

Inkoko zazasimbuzwa nyuma y'amezi 14, ni ukuvuga ko zaba ari inkoko 1000-140 =860 (140 ni inkoko zaba zarapfuye tugendeye ku gipimo cya 1% \times 1000 \times 14). Ni ukuvuga ko nyuma y'amezi 14 inkoko nzima zaba ari 1000+860/2=930

Dufashe ko umusaruro w'amagi uzaba 85% y'inkoko zose, umusaruro w'amagi nyuma y'amezi 14 uzaba ungana: 930 x 0.85 / inkoko x iminsi 30 x 14 (amezi) = amagi 332,010

Dufashe ko amagi 30 agura ibihumbi 3000 ubwo igi ni amafaranga 100.

Ibindi bizinjiza amafaranga mu mushinga ni inkoko zizagurishwa ngo zisimbuzwe (reformed chickens). Inkoko ikuze igura 5000 Frw.

Ibizava mu bworozi bw'inkoko

Kugurisha amagi	332,010	100	33,010,000
Kugurisha inkoko zikuze	930	5,000	4,650,000
Kugurisha ifumbire y'inkoko		FF	800,000
Igiteranyo			38,460,000 (B)
Inyungu			B-A = C

Imbonerahamwe ya 9: Urugero rwo kubara igishoro cy'ubworozi bw'inkoko

Ni ukuvuga ko nyuma y'amezi 14 umushinga w'inkoko 1000, wakunguka amafaranga 38,460,000 -26,221,810 = 12,238,190 Frw

12. KUZUZA INYANDIKO Z'UBWOROZI

Kimwe n'ubundi bworozi bugezweho, umworozi w'inkoko agomba kugira ibitabo/amafishi yuzuzaho amakuru y'uko ubworozi bwe bumeze/bukorwa. Aya makuru afasha haba mu gutanga raporo kuba-fatanyabikorwa bayikeneye ariko no kumenya uko ubworozi bwe buhagaze.

13. INGERO Z'AMWE MU MAFISHI Y'UMWOROZI

Ifishi yo kwandika ho ibyaguzwe

Inzu y'inkoko No..... (Mu gihe umworozi afite amazu menshi y'inkoko)

Itariki inkoko zaziyehe.....

Ubwoko bw'inkoko.....

ITALIKI	IBYAGUZWE	AMAFARANGA YATANZWE	ICYITONDERWA

Ifishi yo kwandikaho umusaruro w'amagi

Inzu y'inkoko no..... (Mu gihe umworozi afite amazu menshi y'inkoko)

Itariki inkoko zaziyehe.....

Ubwoko bw'inkoko.....

ITALIKI	UBWOKO BW'INKOKO ZITERA	AMAGI MAZIMA YABONETSE	AMAGI YO NONEKAYE	IJANISHA KU NKOKO ZITERA	ICYITONDERWA

Ifishi yo kwandikaho imiti yakoreshejwe

Inzu y'inkoko No..... (Mu gihe umworozi afite amazu menshi y'inkoko)

Itariki inkoko zaziyehe.....

Ubwoko bw'inkoko.....

ITALIKI	URUKINGO (UMUTI UKINGIRA) BYATANZWE	INDWARA YAGARAGAYE	UMUBARE W'INKOKO	UMUBARE W'INKOKO ZAPFUYE	UMUTI WATANZWE N'UKO UNGA- NA	ICYITONDERWA

Ifishi yo gukurikirana ubuzima bw'inkoko umunsi kumunsi

Inzu y'inkoko No..... (Mu gihe umworozi afite amazu menshi y'inkoko)

Itariki inkoko zaziyehe.....

Ubwoko bw'inkoko.....

ITALIKI	UMUBARE W'INKOKO	IGIHE ZIMAZE		IZAPFUYE		IBIRYO ZIRYA/gr	IMITI N' INKINGO
		Iminsi	Ibyumweru	Ku munsi	Izisingaye	Ku MUNSI	



14. UMUSOZO

Ubworozi bw'inkoko bukozwe neza bwazanira inyungu umworozi bukanagira uruhare mu iterambere ry'igihugu cyane cyane ko ubu umubare w'aborozi n'ingano y'inkoko bigenda byiyongera.

Iyi mfashanyigisho iteguwe ku buryo bworohereza abaganga b'amatungo, abajyanama b'ubuzima bw'amatungo ndetse n'aborozi muri rusange izabafasha kugira ubumenyi bw'ingenzi mu bworozi bw'inkoko bityo bafashe aborozi bakorana umunsi ku munsi kunoza ubworozi bwabo.

Ku makuru bakenera batasangamo hano bakwifashisha inyandiko zindi zateguwe mu rwego rwo guteza imbere ubworozi bw'inkoko mu Rwanda cyangwa bakagana urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda (RCVD) ndetse n'ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda (RAB).

15. NYANDIKO ZIFASHISHIJE

1. RAB, Imfashanyigisho ku bworozi bw'inkoko, Kigali, 2019
2. USAID/ORORA WIHAZE, Imfashanyigisho ku buryo bukomatanyije bwo korora inkoko, Kigali, 2020;
3. Minisiteri y'Ubuhanzi n'Ubworozi (MINAGRI). 2017. Politiki y'Igihugu y'Ubuhanzi. Kanama 2017;
4. RWAMREC (Rwanda Men's Resource Centre), Kigali, 2018;
5. OXFAM, GALS Story Booklet: Imagining the Future, 2019;
6. Action Aid Rwanda, Ubushakashatsi ku mirimo idahemberwa ikorwa n'abagore n'ingamba zakorehwa mu kuyikumira. Kanama 2017.
7. Feed the Future Rwanda - Orora Wihaze, Gender and Social inclusion Integration Strategy, 2020
8. AGRIPROFOCUS, Poultry nalysis in Rwanda, Kigali 2019;
9. RAB na ENABEL, Imfashanyigisho yagenewe abafashamyumvire mu bworozi bw'inkoko (LFFS Poultry Curricula), Rwanda 2021
10. Internet yasuwe mu bihe bitandukanye ku bworozi n'ibifitanye isano n'inkoko





RWANDA COUNCIL OF VETERINARY DOCTORS

In Pursuit of Quality and Reliable Veterinary Services

KG 569 St 1 Kacyiru - Kigali
P.O. Box: 2949, Kigali - Rwanda
+250 78 850 6713